Monsieur le D.G.S.C

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE ABAKOZI B'UBUYOBOZI BUKURU BW'AMAKOPERATIVE.

Ku italiki ya 7 Ukwakira 1985, saa moya n'iminota mirongo itanu (7H50') mu nzu y'inama ya Ministeri nihoiyo nama yatangiye iyobowe na Milita NAHIMANA Alufonsi, Ushinzwe Diviziyo itera inkunga amakoperative.
Umubare n'amazina y'abali mu nama biragaragara kuli lisiti yometse kuli iyi nyandiko-mvugo.
Icyateranije iyo nama : Prezida yahise avuga ko agirango abwire abakozi bose akazi kihutirwa na disipline igomba gufatwa mu kazi cyane cyane muli iyi minsi Nyakubahwa Milita Ministri na Milita Umuyobozi Mukuru badahali kumara ibyumweru bitatu.
Ibyinshi bikaba byarasabwe na Milita Ministri mu nama yakoresheje abakuru b'imilimo muli Ministeri mbere yo kujya muli ubwo butumwa.

a. Raporo y'Umwaka wa 1985

Nk'uko Ministri yabisabye ku italiki ya 30 Nzeli 1985 raporo igomba gutangira gukorwa. Services rero zigize ubuyobozi bwa Koperative alizo "Bureau Formation", "Bureau Contrôle", " Projet LCS", na "Bureau d'Aide au Développement" zigomba gutanga raporo zazo mbere y'italiki ya 15 Ukwakira 1985 kugirango nibura raporo yose izabe iteguye ku italiki ya 20 Ukwakira 1985.

b. Ikibazo cya CECOBM

Umwe mu bakozi b'Ubuyobozi bukuru bw'Amakoperative amaze iminsi agenderera amakoperative yali agize CECOBM. Nubwo atali mu nama Ushinzwe service akorama yasabwe kumusaba gukora synthèse - imbonerahamwe y'ako kazi amazemo iminsi mbere y'italiki ya 20 Ukwakira.
Nyakubahwa Milita Ministri akazagaruka ibyo byarabonetse biteguye kugira ngo bamugezeho raporo y'uko ibintu byifashe.

c. Amakoperative ya Prefegitura Kigali

Umuyobozi w'inama yibukije igisubizo Ministri ajya aha abayobozi b'urubyiruko no gutsura za koperative iyo bitwaje ko batagira imodoka cyangwa amapikipiki ahora abasa kubanza gutunganya ibibazo by'amakoperative abali hafi mbere yo gushaka urwo rwitwazo. Ubuyobozi bukuru bw'amakoperative rero nabwo bwasabwe gutunganya ibibazo birebana na Koperative zo muli Kigali mbere y'impera z'uyu mwaka.

../...

g. Ihererekanwa ly'Amadosiye.

Amadosiye yose agomba gukulikira inzira nk'uko inzego zigiye zisumbana. Ali mu kizamuka cy'izo nzego cyangwa mu kimanuka cyazo. Sekretariya ikaba aliyo ishinzwe ilyo hererekanya.

Prezida w'Inama, Milita NAHIMANA Alufonsi yasoje inama saa mbili n'iminota mirongo itatu n'itanu (8h35') abwira abali mu nama ko ntaho ijisho lya Muvoma litaba, ko uzateshuka azaba agaragara. Noneho asaba abakozi gusubira ku kazi bazilikana ibyo yali amaze kubagezaho.

Nta kibazo cyabonetse mu mwanya ubigenewe.

Umwanditsi

MUGABO Jean Pierre

Prezida w'Inama
NAHIMANA Alufonsi
Chef de Div. Assistance
et Contrôle

11/10/85

Listi y'Abali mu nama

| | | |
|---|---|---|
| 1. | MUHUTU Gabriël | PLCS |
| 2. | UWIRAGIYE Ancilla | PLCS |
| 3. | RUGELINYANGE Jeanne | B.Form. |
| 4. | SENDEGEYA Etienne | B.Form. |
| 5. | MPAMIRA Vincent | PLCS |
| 6. | MURERAMANZI Néhémie | PLCS |
| 7. | NTUYEMUKAGA Constantine | Secrétariat |
| 8. | MUKANDILIMA Valentine | Secrétariat |
| 9. | BAGANIZI J.Maurice | Secrétariat |
| 10. | INDEPANDANSI J.Baptiste | Chauffeur |
| 11. | NGIRUMPATSE Théogène | Planton |
| 12. | KABERA Joseph | Chauffeur |
| 13. | MUKANSORO Anatolie | Secrétariat |
| 14. | MUDAKEMWA Frédéric | Chauffeur |
| 15. | GATERA Alphonse | Planton |
| 16. | KARURANGA Léonard | Chauffeur |
| 17. | MUNYAKARAGWE Aloys | Chef de Bureau Contrôle |
| 18. | NYIRAHABINEZA Jeannette | Bureau Formation |
| 19. | HITIMANA Boniface | Bureau Contrôle |
| 20. | UTUMABAHUTU Thaddée | Chef a.i Projet LCS |
| 21. | KABENGA J.Baptiste | B.A.D. |
| 22. | TUGIRIMANA Joram | Projet LCS |
| 23. | GIRUKUBONYE J.Damascène | Chef de Bureau Formation |
| 24. | MUGABO Jean Pierre | Chef du Secrétariat. |